No 236Juil-Aout2021

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

## KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO ZARATERANYE ZEMEZA RAPORO Z'IBIKORWA BYAZO

### KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA, IBIKORWA BY'IHURIRO N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Ku wa gatatu tariki ya 25/8/2021, Inama isanzwe ya *Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro, n'ubufatanye n'izindi Nzego,* yateranye mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro yemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021.



Umuyobozi w'iyi Komisiyo, Hon. RUTAREMARA Tito, yashimiye abayitabiriye, akomeza abagezaho ingingo zari ku murongo w'ibyigwa, ari zo:

- Gusuzuma raporo y'ibikorwa by'Ihuriro n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021;
- Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo ya Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'izindi nzego mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021;
- Gutanga ibitekerezo ku gikorwa cy'ubushakashatsi Ihuriro riteganya gukoresha k'umubare w'abagore bari mu Nzego z'Ubuyobozi bw'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro zifatirwamo ibyemezo

Ku ngingo yo gusuzuma raporo y'ibikorwa by'Ihuriro n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste, yahawe umwanya agaragaza ibyo Ihuriro ryagezeho. Yavuze ko ibyakozwe bishingiye ku nkingi 3 za gahunda y'igenamigambi ry'igihe kirekire zikurikira:

1. Guteza imbere ibiganiro nyungurabitekerezo bya Politiki n'ubumwe bw'Igihugu;
2. Kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki no guteza imbere umwunga wa Politiki;
3. Guteza imbere Ihuriro no gutanga serivisi nziza.

Ku guteza imbere ibiganiro nyunguranabitekerezo bya Politiki n'ubumwe bw'Igihugu, yavuze ko hateranye inama z'Inzego z'Ihuriro nk'uko biteganywa n'amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro: inama z'Inama Rusanze ziterana buri gihembwe, Inama za Biro ziterana buri kwezi, inama za Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro ziterana rimwe mu mezi abiri.

Ku birebana n'ibiganiro nyunguranabitekerezo byakozwe, yavuze ko hatanzwe Ikiganiro kuri Politiki y'Igihugu y'Uburinganire ivuguruye cyatanzwe na Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Professeur BAYISENGE Jeannette. Ikiganiro k'Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere imiyoborere myiza n'imibanire y'Abanyarwanda, cyatanzwe n'Umukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), Dr KAITESI Usta.

Habaye kandi Inama nyunguranabitekerezo ku imurikwa ry'inyandiko izajya yifashishwa n'urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki. Yateguwe ku bufatanye bw'Ihuriro, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), n'Urwego rw'Umuvunyi. Haba n'ikiganiro cyahuje abagize Komisiyo Politiki n'Imiyoborere myiza muri SENA bagiranye n'Ihuriro kirebana n'Ishuri ry'urubyiruko mu bya politiki n'imiyoborere (Youth Political Leadership Academy/ YPLA).

Umunyamabanga Nshingwabikorwa avuga ku birebana no kubaka ubushobozi bw'imitwe ya politiki no guteza imbere umwuga wa politiki, yavuze ko bimwe mu byagezweho, harimo gutegura amahugurwa nyongerabushozi agenewe abayobozi n'abayoboke b'Imitwe ya Politiki. .

Muri yo yavuzemo amahugurwa ku ngingo z'amategeko zahindutse mu mategeko agenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki yahawe Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.

Amahugurwa ku buryo bw'ihanahana makuru mu Mutwe wa politiki yateguwe ku bufatanye bw'Ihuriro n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) yitabirwa n'Umuyobozi ushinzwe itumanaho mu Mutwe wa Politiki, Ushinzwe ubukangurambaga, Ukuriye Urugaga rw'Urubyiruko, Ukuriye Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki, n' abagize Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe Itumanaho no Kungurana ibitekerezo.

Mu yandi mahugurwa yatanzwe yavuze ko harimo amahugurwa y'Urubyiruko ruturuka mu Mitwe ya Politiki kuri Politiki n'imiyoborere (YPLA).

Icyiciro cya 16 cy'aya mahugurwa cyitabiriwe n'abasore n'inkumi 43 baturuka mu Ntara y'Amajyaruguru, akorwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga rya WEBEX; amahugurwa y'abahagarariye Urugaga rw'abagore rushamikiye ku buyobozi bw'Umutwe wa Politiki mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Ntara y'Amjayepfo, mu Ntara y'Iburengerazuba no mu Mujyi wa Kigali. Aya mahugurwa yateguwe ku bufatanye bw'Ihuriro na UNDP.

Habaye kandi amahugurwa arebana n'ikoranabuhanga, arimo amahugurwa ku micungire y'imbuga za interineti (Web administration) z'Imitwe ya politiki n'uburyo zakoreshwa neza mu kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'Igihugu muri rusange; n'amahugurwa ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rya WEBEX yitabiriwe n'abahagarariye Imitwe ya Politiki igize Ihuriro, bashinzwe ahanini gutegura ibikorwa by'amahugurwa.

Bwana GISAGARA Theoneste agaruka kuri bimwe mu byagezweho birebana no guteza imbere Ihuriro no gutanga serivisi nziza, muri byo harimo:

- Gutegura umwiherero w'abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro batowe n'Inama Rusange y'Ihuriro yo ku wa 25 Werurwe 2021. Uyu mwiherero wabaye tariki ya 23 Mata 2021, muri Hotel Lemigo, uhuza abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro;
- Gutegura no kwemeza igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itanu (2021 - 2026);
- Gutegura no kwemeza gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022 n'ingengo y'imari yabyo;
- Gukora igenzura ry'umutungo n'imari by'Ihuriro,

Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo ya Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'Izindi Nzego mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021; Umuyobozi w'Itumanaho n'Imirimo ya Komisiyo mu Ihiriro, Bwana SINDAYIHEBA Fabien, yahawe umwanya agaragaza ibyagezweho. Muri byo, harimo:

- Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020;
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'Ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020 n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo mu mwaka wa 2019-2020;
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020 n'iy'amezi atandatu ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari 2020-2021 (1 Nyakanga - 31 Ukuboza 2020);
- Gutegura raporo ya Manda ya Komisiyo y'imyaka itatu (Werurwe 2018 - Werurwe 2021);
- Gutegura amahugurwa y'Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki;
- Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'ubufatanye Ihuriro rifitanye n'abafatanyabikorwa baryo;
- Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amahugurwa y'urubyiruko (YPLA), n'amahugurwa y'urugaga rw'abagore (WPLP);
- Gutanga ibitekerezo ku itegurwa ry'ingamba z'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itanu (NFPO Strategic Plan) 2021 - 2026;

Mu kungurana ibitekerezo, abari mu nama bashimye ibyo Komisiyo yagezeho mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021.

## KOMISIYO MBONEZABUPFURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE



Inama isanzwe ya *Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane,* yateranye ku wa Kabiri tariki ya 26/8/2021 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro; iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Hon. NKUSI Juvenal. Atangiza inama, Perezida wa Komisiyo yabwiye abitabiri inama ko kuri gahunda y'inama hariho ingingo yo gusuzuma raporo y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021.

Mu gusuzuma iyi raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021, Umuyobozi ushinzwe itumanaho n'imirimo ya Komisiyo Zihoraho mu Ihuriro, Bwana SINDAYIHEBA Fabien, yahawe umwanya agaragaza ibikorwa bigari Komisiyo yagezeho mu mwaka wa 2020-2021.

Nyuma yo kugaragaza ibyo Komisiyo yari yateganyijje kugeraho, yavuze ko mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021, Komisiyo yageze ku bikorwa bikurikira:

1. **Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020**
Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya **26 Kanama 2020**, abagize Komisiyo basuzumye kandi bemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka wa 2019-2020

2. **Gutegura raporo ya Manda ya Komisiyo y'imyaka itatu (Werurwe 2018 - Werurwe 2021)**
Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya **25 Gashyantare 2021**, abagize Komisiyo basuzumye banemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane muri manda yayo y'imyaka itatu, Werurwe 2018 - Werurwe 2021.

3. **Kuvugurura igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo cy'Ihuriro**
Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya **23 Mata 2021**, Komisiyo yasuzumye aho igikorwa cyo kuvugurura Igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo cy'Ihuriro, cyari kigeze. Isanga aho cyari kigeze hari hashimishije kuko cyari cyaragejejwe no ku Nama Rusange ngo igisuzume. Icyakora, Inama Rusange yasabye ko cyanozwa hitawe kuri Filozofi y'Ihuriro.

4. **Gutanga ibitekerezo ku itegurwa ry'amahugurwa y'abagize Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali.**
Mu nama ya Komisiyo yo ku itariki ya **25 Gashyantare 2021**, Komisiyo yasuzumye uko amahugurwa y'abagize Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali yagenze.

Aya mahugurwa yabaye tariki ya 20 Ugushyingo 2020, abera muri Hotel Lemigo mu Mujyi wa Kigali; yitabirwa n'abantu 55 bakuriye Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali. Amahugurwa yibanze ku ngingo z'amategeko zahindutse mu mategeko agenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki. Perezida wa Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane akaba yaratanze ikiganiro muri aya mahugurwa.

5. **Gusuzuma no kwemeza ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022**
Komisiyo yasuzumye kandi yemeza Gahunda y'ibikorwa byayo, mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022

6. **Gutanga ibitekerezo ku mushinga w'Igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itanu (NFPO Strategic Plan), 2021 - 2026**
Komisiyo yatanze ibitekerezo ku mushinga w'igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itanu (NFPO Strategic Plan) 2021-2026.

Mu kungurana ibitekerezo, Komisiyo yashimye uburyo Umushinga w'Igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro (2021-2026) uteguye, ishima kandi ko n'ibikorwa biteganyijwe byibanda ku nshingano nkuru z'Ihuriro.

7. **Kwitabira umwiherero w'abagize Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro**
Uyu mwiherero wabereye muri Hotel LEMIGO ku Kimihurura, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, tariki ya 23 Mata 2021, witabirwa n'abantu 21 bagize Komisiyo eshatu zihoraho z'Ihuriro, bemejwe n'Inama Rusange y'Ihuriro yo ku itariki ya 25 Werurwe 2021.

## KOMISIYO ISHINZWE ITUMANAHO NO KUNGURANA IBITEKEREZO



Mu nama isanzwe ya Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo, yateranye ku wa gatanu tariki ya 27/8/2021 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Madamu NYIRANEZA Esperance, yasuzumye insanganyamatsiko z'ibiganiro bizaganirwaho mu nama z'Inama Rusange mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022, zirimo:

1. Ikiganiro na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku Mabwiriza agenga imyiteguro n'imigendekere y'Amatora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze;
2. Politiki n'ingamba zo guteza imbere ikoranabuhanga n'itumanaho mu rwego rwo gutanga serivisi nziza: ibipimo biteganyijwe, ibyagezweho, imbogamizi, n'ingamba;
3. Politiki n'ingamba z'Igihugu mu kunoza imiturire no gukoresha neza ubutaka (harimo n'amakuru ku bikubiye mu Itegeko rishya rigenga imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda N° 27/2021 ryo ku wa 10/6/2021);
4. Politiki n'ingamba z'Igihugu zo gutoza Abanyarwanda kwizigamira no kwiteza imbere;
5. Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kubungabunga ibidukikije no gukumira ibiza;
6. Politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere uburezi mu Rwanda no kunoza ireme ry'uburezi (hari Politiki nshya y'uburezi mu Rwanda iri gutegurwa).

Mu gusuzuma raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Itumanaho no Kungurana ibitekerezo, mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021, Umuyobozi ushinzwe itumanaho n'imirimo ya Komisiyo Zihoraho mu Ihuriro, Bwana SINDAYIHEBA Fabien, yahawe umwanya agaragaza ibikorwa bigari Komisiyo yagezeho mu mwaka wa 2020-2021, birimo:

Gusuzuma no kwemeza Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019 -2020; Kugira uruhare mu gutanga ibitekerezo mu kiganiro ngarukamwaka cyanyuze ku bitangazamakuru bya RBA ku munsi mukuru w'ubwigenge bw'u Rwanda, tariki ya 01 Nyakanga 2021.
Ikiganiro kibanze ku "**Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere Imiyoborere myiza mu Rwanda: Ibyagezweho, inzitizi, n'Ingamba".** Muri iki kiganiro, abagitanze, bashingiye ku mateka ya politiki y'Igihugu cyacu n'imikorere y'amashyaka mu Rwanda mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994:

- Bagaragaje ko mu byashenye Igihugu ku isonga harimo imiyoborere mibi (ubuyobozi bwashyizeho uburyo bw'imiyoborere mibi yigisha urwango n'amacakubiri, kugeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994);
- Bagarutse ku ngamba zafashwe n'Ubuyobozi bwiza nyuma ya 1994 kugira ngo u Rwanda rube urw'Abanyarwanda bose no kwimakaza imiyoborere myiza itavangura, ishyira imbere umuturage (People centered governance);
- Bagaragaje uko imiyoborere myiza ihagaze mu Gihugu cyacu (Status of governance in Rwanda);
- Basobanuye ibiteganyijwe mu Cyerekezo 2050 mu rwego rwo guteza imbere imiyoborere myiza;
- Berekana inzego zishinzwe guteza imbere imiyoborere myiza n'inshingano zazo (Stakeholders and their responsibilities,..);
- Bagaragaza uruhare rw'Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki muri urwo rugendo rwo guteza imbere imiyoborere myiza;
- Berekana inzitizi n'ingamba zafasha mu gukomeza guteza imbere imiyoborere myiza no gusigasira ibyagezweho ku bufatanye bw'ubuyobozi n'abaturage.

Iki kiganiro cyatanzwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Hon, GATABAZI Jean Marie Vianney; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana GISAGARA Theoneste, na Bwana HARERIMANA Abdul Karimu (Inararibonye mu mateka ya politiki y'u Rwanda).